
Rwanda Meteorology Agency

*ISO 9001:2015 CERTIFIED*

**ITEGANYAGIHE RY'IGIHEMBWE CY'IMPESHYI (KAMENA- KANAMA) 2023, Nº 64**

Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (METEO RWANDA) kinejejwe no gutangariza Abaturarwanda bose ko igihembwe cy'impeshyi (Kamena, Nyakanga na Kanama) 2023 muri rusange kizarangwa n'ibihe bisanzwe by'izuba. Imvura iri ku kigero cy'imvura isanzwe mu kwezi kwa Kamena na Nyakanga naho mu kwezi kwa Kanama hateganyijwe imvura iri hejuru y'ikigero cy'imvura isanzwe igwa muri uko kwezi. Imvura izaturuka ku bushyuhe bwo mu nyanja ngari ya pacifika niy'Ubihinde bizaba biri hejuru y'ibipimo bisanzwe mu gihe cy'iri teganyagihe.

**Ingano y'imvura iteganyijwe mu gihembwe cy'Impeshyi 2023 muri buri karere:**
Imvura iri hagati ya milimetero 100 na milimetero 200 iteganyijwe mu turere twa Rubavu, Nyabihu, Rutsiro, Musanze no mu majyaruguru y'uturere twa Burera, Gakenke na Ngororero. Imvura iri hagati ya milimetero 50 na milimetero 100 iteganyijwe mu Ntara y'Amajyepfo, mu Mujyi wa Kigali, henshi mu Karere ka Rusizi, Nyamasheke, Karongi, Nyagatare na Gatsibo no mu majyepfo y'Akarere ka Ngororero na Gakenke ndetse no mu Karere ka Gicumbi na Rulindo. Imvura iri munsi ya milimetero 50 iteganyijwe mu Karere ka Kirehe, Ngoma, Bugesera, Rwamagana no mu duce duto twa Kicukiro na Gasabo n'agace k'iburasirazuba bw'Akarere ka Gisagara.





*Ikarita 1 : Imvura iteganyijwe mu Mpeshyi 2023*

**Ubushyuhe buteganyijwe mu mpeshyi 2023**

**i. Ingano y'ubushyuhe bwo hejuru**


Muri rusange ubushyuhe bwo hejuru buteganyijwe muri iyi mpeshyi buri hagati ya dogere selisiyusi 21 na 30 mu Gihugu. Ahateganyijwe gushyuha kurusha ahandi ni mu Ntara y'Iburasirazuba, mu Mujyi wa Kigali no mu kibaya cya Bugarama mu Karere ka Rusizi, hateganyijwe ubushyuhe buri hagati ya dogere Selisiyusi 27 na 30. Ahateganyijwe ubushyuhe buke kurusha ahandi ni mu gice cy'Ibirunga giherereye mu Ntara y'Amajyaruguru n'igice gito cy'Intara y'Amajyepfo, hateganyijwe ubushyuhe bwo hejuru buri hagati ya dogere selisiyusi 21 na 24. Ibisobanuro birambuye ku bushyuhe bwo hejuru bigaragara ku ikarita ya 2.




***Ikarita 2*: Ubushyuhe bwo hejuru buteganyijwe mu Mpeshyi 2023**

**ii. Ingano y' ubushyuhe bwo hasi**

Muri rusange, ubushyuhe bwo hasi buteganyijwe muri iyi mpeshyi buri hagati ya dogere selisiyusi 8 na 16 mu Gihugu. Ahateganyijwe gukonja kurusha ahandi ni mu gice cya Pariki y'Ibirunga no mu nkengero zayo, ndetse no muri Pariki ya Nyungwe no mu nkengero zayo, hateganyijwe ubushyuhe bwo hasi buri hagati ya dogere Selisiyusi 8 na 12. Mu kibaya cya Bugarama, mu Karere ka Nyarugenge, Kicukiro no mu majyepfo y'Akarere ka Gasabo, igice kinini cy'Akarere ka Bugesera no mu burasirazuba bw'Akarere ka Nyagatare, Gatsibo, Kayonza na Kirehe hateganyijwe ubushyuhe bwo hasi buri hagati ya dogere 16 na 18. Ibisobanuro birambuye ku bushyuhe bwo hasi biri ku ikarita ya 3.




*Ikarita 3*: *Ubushyuhe bwo hasi buteganyijwe mu Mpeshyi 2023*

**Ingaruka n'ingamba zijyanye n'iri teganyagihe**

Iteganyagihe ry'Impeshyi ryifashishwa cyane cyane mu gihembwe cy'ihinga C aho imirimo y'ihinga ikorerwa cyane cyane mu bishanga; ryifashishwa kandi mu mirimo yo gusarura n'iya nyuma y'isarura. METEO RWANDA irasaba Abahinzi gukoresha iri teganyagihe hirindwa iyangirika ry'imyaka yeze.
Hateganyijwe igabanuka ry'amazi mu butaka, mu migezi n'inzuzi;
Aborozi barashishikarizwa kubika neza ubwatsi bw'amatungo no guteganya kuhira.

Abakeneye ibindi bisobanuro kuri iri teganyagihe n'uburyo ryakoreshwa bakwegera METEO RWANDA cyangwa bagahamagara kuri nimero itishyurwa 6080.

Iri teganyagihe ry'igihembwe ryunganirwa n'andi ya buri kwezi, iminsi icumi (10), iminsi itanu (5), iminsi itatu (3) n'irya buri munsi bitangwa na METEO RWANDA.

Bikorewe i Kigali, ku wa 10/06/2023.

RWANDA METEOROLOGY AGENCY - METEO RWANDA

**GAHIGI Aimable**
**Umuyobozi Mukuru**